**<u>Article 32</u>: Requirements before evaluation of bids for tenders of goods and works**

Before starting evaluation of bids for tenders of goods and works, members of the public tender committee must possess a research report on the real price in the market carried out by the beneficiary department r and approved by the public tender committee during the public procurement plan.

**<u>Article 32</u>: Conditions préalables à l'évaluation des offres pour les biens et les travaux**

Avant de commencer l'évaluation des offres pour les biens et des offres pour les travaux, le comité de passation de marchés publics doit avoir le rapport de la recherche sur le prix réel sur le marché qui a été effectuée par le département bénéficiaire et approuvé par le comité de passation de marchés publics lors de la planification de passation de marchés publics.

**<u>Ingingo ya 33</u>: Ibyemezo bya tekiniki by'upiganwa**

Ibemezo bya tekiniki byatanzwe n'ibigo by'abikorera cyangwa abandi bantu, byemerwa gusa iyo biherekejwe n'amasezerano yo gukora inyigo, ayo gukora imirimo cyangwa ayo kuyigenzura.

Mu gihe cy'isesengura ry'inyandiko z'ipiganwa, ibyemezo bya tekiniki upiganwa yihaye nyuma y'imirimo yakoze, ibigemurwa cyangwa serivisi yatanze birebana n'imishinga ye bwite ntibyemerwa nk'icyemezo cy'uburambe.

**<u>Article 33</u>: Bidders technical references**

Technical references issued by private institutions or other persons are accepted only if they are accompanied by contracts of a study, execution or supervision.

During evaluation of bids, technical references issued by the bidder to himself or herself after execution of works, goods or services related to his or her projects, are not accepted as a proof of experience.

**<u>Article 33</u>: Références techniques du soumissionnaire**

Les références techniques fournies par les institutions privées ou autres personnes ne sont acceptables que si elles sont accompagnées par les contrats d'étude, d'exécution ou de supervision.

Pendant l'évaluation des offres, les références techniques fournies par le soumissionnaire à lui-même après l'exécution des travaux relatifs à ses propres projets ne sont pas acceptables.

**Ingingo ya 34: Isesengura ry'inyandiko z'ipiganwa za tekiniki ku masoko ya serivisi z'impuguke**

Ku masoko ya serivisi z'impuguke, akanama gashinzwe gutanga amasoko ya Leta kagomba gusesengura buri nyandiko y'ipiganwa ya tekiniki hakurikijwe ibishingirwaho byashyizwe mu nyandiko ihamagarira abantu kuzana inyandiko zabo z'ipiganwa kandi hubahirijwe indengo y'amanota ikurikira:

1º kuba impuguke izobereye mu byerekeye iyo mirimo muri rusange: amanota atanu (5) kugeza kuri cumi n'atanu( 15);

2º kugira uburambe busabwa muri serivisi zisa nk'izo: amanota icumi (10) kugeza kuri makumyabiri (20);

3º ubwiza bw'uburyo bukoreshwa busabwa: amanota makumyabiri (20) kugeza kuri mirongo itatu (30);

4º ubushobozi n'uburambe mu kazi by'abakozi bazashingwa imirimo: amanota mirongo ine (40) kugeza kuri mirongo itandatu (60);

5º ihererekanya ry'ubumenyi cyangwa ikoranabuhanga: amanota zeru (0)

**Article 34: Evaluation of technical proposals for consultancy services**

For consultancy services, the public tender committee must evaluate every technical proposal in accordance with criteria specified in the request for proposals and in compliance with the following scores:

1º general experience of the firm in the field: five (5) to fifteen (15) points;

2º relevant experience in similar services: ten (10) to twenty (20) points;

3º quality of the methodology proposed: twenty (20) to thirty (30) points;

4º qualifications and experience of the key personnel proposed for the mission: forty (40) to sixty (60) points;

5º transfer of knowledge or technology: zero (0) to ten ( 10)

**Article 34: Évaluation des propositions techniques pour les services de consultance**

Pour les services de consultance, le comité de passation de marchés publics doit évaluer chaque proposition technique conformément aux critères définis dans la demande des propositions et en conformité avec les scores suivants:

1º expérience générale du bureau dans le domaine: cinq (5) à quinze (15) points;

2º expérience pertinente dans des services similaires: dix (10) à vingt (20) points;

3º qualité de la méthodologie proposée: vingt (20) à trente (30) points;

4º qualifications et expérience du personnel clé proposé pour la mission: quarante (40) à soixante (60) points;

5º transfert des connaissances ou de technologie: zéro (0) à dix (10)

kugeza ku icumi (10), aho bishoboka;

6º uruhare rw'abanyagihugu: amanota atanu (5) kugeza ku icumi (10), aho bishoboka.

**<u>Ingingo ya 35</u>: Gutoranya impuguke hakoreshejwe amanota ya tekiniki n'ay'ibiciro**

Amanota yose aboneka hateranyijwe aya tekiniki n'ay'igiciro. Amanota ya tekiniki n'ay'igiciro agenwa hakurikijwe uburemere n'imiterere y'akazi kagomba gukorwa. Umubare-nkubishwa w'amanota ya tekiniki n'ay'igiciro kugira ngo hagaragazwe inyandiko y'ipiganwa yatsinze ugomba kugaragara mu nyandiko ihamagarira abantu kuzana inyandiko z'ipiganwa mu buryo bukurikira:

**Ihinategeko:**

Amanota akubiye hamwe:

$$S = \left(\frac{Ts \times Tw}{100}\right) + \left(\frac{Fs \times Fw}{100}\right)$$ aho:

$S =$ Amanota akubiye hamwe

$Ts$= Amanota ya tekiniki

points, where applicable;

6º participation of nationals: five (5) to ten (10) points, where applicable.

**<u>Article 35</u>: Selection of consultants using the quality-cost based selection method**

The overall score is obtained by adding the technical and financial scores. The technical and the financial scores are determined according to the complexity and nature of the assignment. The coefficient for quality and cost score to be used in determining the winning proposal must be specified in the request for proposals as follows:

**Formula:**

Combined scores:

$$S = \left(\frac{Ts \times Tw}{100}\right) + \left(\frac{Fs \times Fw}{100}\right)$$ where:

$S = Final$ score

$Ts = Technical$ score

points, le cas échéant;

6º participation des nationaux: cinq (5) à dix (10) points, le cas échéant.

**<u>Article 35</u>: Sélection des consultants utilisant la méthode de sélection basée sur la qualité-coût**

Le score total est obtenu en additionnant les scores techniques et financiers. Les scores techniques et financiers sont déterminés sur base de la complexité et de la nature de la tâche. Le coefficient de score de la qualité et du coût à utiliser pour déterminer la proposition la mieux disante doivent être spécifiés dans la demande de propositions comme suit:

**Formule:**

Score combiné:

$$S = \left(\frac{Ts \times Tw}{100}\right) + \left(\frac{Fs \times Fw}{100}\right)$$ où:

$S =$ Score combiné (final)

Ts= Score technique

*Fs*= Amanota y'igiciro

$Tw$ = Uburemere bw'amanota ya tekiniki ku ijanisha (hagati ya 70% - 90%)

$Fw$ = Uburemere bw'amanota y'igiciro ku ijanisha (hagati ya 10% - 30%)

$$Tw + Fw = 1$$

Amanota y'igiciro ya buri wese wapiganwe abarwa mu buryo bukurikira:

$$Fs = \frac{(\mathrm{Lf} \times 100)}{Fi}$$

*Lf*= Igiciro cy'inyandiko y'ipiganwa ihendutse kurusha izindi;

*Fi*= Inyandiko y'ipiganwa irebwa n'isesengura.

Iyo abapiganwa banganya amanota akubiye hamwe, uhabwa isoko ni ufite amanota menshi mu rwego rwa tekiniki.

$Fs = Financial$ score

$Tw$ = Weight of technical score percentage (between 70% and 90%)

$Fw$ = Weight of financial score percentage (between 10% and 30%)

$$Tw + Fw = 1$$

Determination of the financial score of each bidder is calculated ed as follows:

$$Fs = \frac{(\mathrm{Lf} \times 100)}{Fi}$$

$Lf = The$ lowest proposal;

Fi = The proposal to be evaluated.

If the bidders obtain the same combined scores, the tender is awarded to the bidder whose technical score is the highest.

Fs= Score financier

$Tw$ = Pondération de pourcentage du score technique (entre 70% et 90%)

$Fw$ = Pondération de pourcentage du score financier (entre 10% et 30%)

$$Tw + Fw = 1$$

Le score financier de chaque soumissionnaire est calculé comme suit:

$$Fs = \frac{(\mathrm{Lf} \times 100)}{Fi}$$

*Lf*= L'offre financière de la proposition la moins disante;

Fi= L'offre financière de la proposition concernée (à être évaluée).

Si les soumissionnaires obtiennent le même score combiné, le marché est attribué au soumissionnaire dont le score technique est le plus élevé.

**Ingingo ya 36: Gutoranya impuguke ku giti cyayo**

Impuguke ku giti cyayo ishakwa iyo hari imwe mu mpamvu zikurikira:

1º akazi ko gukorwa kadasaba itsinda ry'abakozi;

2º nta bundi buhanga buhambaye bw'inyongera bw'ahandi busabwa;

3º uburambe n'ubushobozi bye ari byo by'ingenzi bisabwa;

4º akazi kagikomeza ku murimo uheruka gukorwa n'iyo impuguke,

5º hari ibihe byihutirwa byatewe n'ibiza;

6º ari yo mpuguke yonyine ishobora gukora ako kazi.

Ku kazi k'abantu ku giti cyabo kamara igihe kirenze amezi atandatu (6), urwego rutanga isoko rya Leta rumenyesha impuguke ku giti cyazo zishaka gupiganira isoko inyandiko ihamagarira ipiganwa nk'uko biteganywa n'itegeko rigenga amasoko ya Leta.

**Article 36: Selection of individual consultant**

Individual consultant is recruited when:

1º assignments for which a team of personnel is not required;

2º no additional outside professional support is required;

3º his or her experience and qualification are the key requirements;

4º task that is the continuation of previous assignment that the consultant has carried out;

5º emergency situations resulting from natural disasters;

6º he or she is the only consultant qualified for this assignment.

For individual assignments of more than six (6) months, the procuring entity brings the tender notice to attention of any individual consultant who wants to bid as provided for by the law governing the public procurement.

**Article 36: Sélection d'un consultant individuel**

Le consultant individuel est recruté lorsque:

1º les tâches pour lesquelles une équipe du personnel n'est pas requise;

2º aucun soutien professionnel extérieur supplémentaire n'est requis;

3º son expérience et sa qualification sont les exigences clés;

4º la tâche est la continuation de la mission précédente que le consultant a effectuée;

5º les situations d'urgence résultant des catastrophes naturelles;

6º il est le seul consultant qualifié pour cette tâche.

Pour les tâches individuelles de plus de six (6) mois, l'entité de passation de marchés publics lance un avis d'appel d'offre à l'intention de tout consultant individuel qui désire soumissionner tel que prévu par la loi portant réglementation de marchés publics.

Inyandiko imenyesha igomba kuba igaragaza incamake y'imiterere y'akazi cyangwa y'umurimo n'ibishingirwaho mu guhitamo.

**<u>Ingingo ya 37</u>: Uburyo n'ibishingirwaho mu gutoranya impuguke**

Impuguke ku giti cyazo zitoranywa hashingiwe ku bumenyi bwazo ku kazi gakenewe. Zigomba kuba zujuje ibyangombwa byasabwe kandi izatoranyijwe gukorana n'urwego rutanga amasoko ya Leta zigomba kuba zifite ubumenyi buhanitse kandi zishoboye gukora ako kazi. Ubushobozi bugaragazwa n'amashuri umuntu yize, uburambe no kumenya imiterere y'aho azakorera akazi, iyo bishoboka.

Inzira yo guhitamo ikomereza ku kumvikana hashingiwe ku biciro byatanzwe n'umushinga w'amasezerano kandi bigasozwa no gutanga amasezerano iyo habayeho ubwumvikane.

Ku kazi kamara igihe kiri munsi y'amezi atandatu (6), urwego rutanga amasoko ya Leta rushobora gusaba imyirondoro impuguke nibura eshatu (3) kugira ngo ruhitemo irusha izindi ubushobozi muri zo hashingiwe ku bishingirwaho byateganyijwe n'urwo rwego rutanga isoko rya Leta.

The notice must include a short description of the task or job description and the criteria for selection.

**<u>Article 37</u>: Procedure and criteria of selection of consultants**

Individual consultants are selected based on their qualifications for the assignment. They must meet the relevant qualifications and those selected to be employed by the procuring entity must be the best qualified and be fully capable of carrying out the assignment. The capability is judged on the basis of academic background, experience and, as appropriate, knowledge of the local conditions.

The selection process continues with negotiations based on the financial proposals and ends with the Draft Contract and award of the contract when negociations are successful.

For the assignments of less than six (6) months, the procuring entity may request Curricula Vitae from at least three (3) consultants in order to select the most competent among them based on criteria predetermined by the procuring entity.

L'avis doit inclure une brève description de la tâche ou de la description du poste et les critères de sélection.

**<u>Article 37</u>: Procédure et critères de sélection des consultants**

Les consultants individuels sont sélectionnés en fonction de leurs qualifications pour la tâche. Ils doivent posséder les qualifications requises et ceux sélectionnés pour être employés par l'entité de passation de marchés publics doivent être les plus qualifiés et être pleinement capables d'exécuter la tâche. La capacité est jugée sur base des études accomplies, de l'expérience et, le cas échéant, de la connaissance des conditions locales.

Le processus de sélection se poursuit avec les négociations basées sur les propositions financières et le projet de contrat et se termine par l'attribution contrat lorsque les négociations sont concluantes.

Pour les tâches de moins de six (6) mois, l'entité de passation de marchés publics peut demander les Curriculums Vitae à au moins trois (3) consultants, afin de sélectionner le plus compétent parmi eux, sur base des critères prédéterminés par l'entité de passation de marchés publics.

**Ingingo ya 38: Kutakira inyandiko y'ipiganwa**

Urwego rutanga isoko rya Leta rushobora kutakira inyandiko y'ipiganwa iyo rwagaragaje ko igiciro gito cyatanzwe n'ushobora guhabwa isoko gihanitse cyangwa ari gito mu buryo bukabije ugereranyije n'igiciro kiri ku isoko.

Icyakora, mbere y'uko urwego rutanga isoko rya Leta rutakira inyandiko y'ipiganwa hashingiwe ku bivugwa mu gika cya mbere cy'iyi ngingo, rugomba kubanza gukora ibintu bikurikira:

1º gusaba mu nyandiko uwapiganwe gutanga ibisobanuro mu nyandiko ku bigize inyandiko ye y'ipiganwa bitera impungenge;

2º kwita no gusesengura amakuru yose rwahabwa n'uwapiganwe arebana n'ikibazo n'andi makuru ari mu nyandiko y'ipiganwa kugira ngo harebwe niba impungenge zavaho.

Icyemezo cyo kutakira inyandiko y'ipiganwa cyafashwe hakurikijwe ibivugwa muri iyi ngingo, impamvu zatumye icyo cyemezo

**Article 38: Rejection of a bid**

A procuring entity may reject a bid if it has identified that the lowest price provided by the potential successful bidder is extremely higher or abnormally low compared to the market price.

However, prior to any rejection of a bid based to the provisions of Paragraph One of this Article, the procuring entity must take the following actions:

1º to request the bidder in writing to provide explanations in writing on issues in his or her bid that give rise to doubts;

2º to take into account and analyse any information provided by the bidder in response to the request and other information included in the bid in order to examine if the doubt can be lifted.

The decision of the procuring entity to reject the bid in accordance with the provisions of this Article, the reasons for that decision, and all communications between the procuring

**Article 38: Rejet d'une offre**

L'entité de passation de marchés publics peut rejeter l'offre après avoir identifié que le prix le mieux-disant offert par l'attributaire potentiel du marché est largement supérieur ou est anormalement bas compte tenu du prix sur le marché.

Toutefois, avant tout rejet d'une offre sur base des disposions de l'alinéa premier du présent article, l'entité de passation de marchés publics doit prendre les précautions suivantes:

1º demander au soumissionnaire par écrit, de donner les explications écrites sur les éléments de son offre ayant suscité les doutes;

2º considérer et analyser toute information fournie par le soumissionnaire concernant la demande et autre information contenue dans l'offre afin d'examiner si le doute peut être levé.

La décision de l'entité de passation de marchés publics de rejeter l'offre conformément aux dispositions du présent

gifatwa ndetse n'amakuru yose yagiye ahanahanwa kuri icyo kibazo hagati y'urwego rutanga isoko rya Leta n'uwapiganwe, bigomba kuba, igihe cyose, biri mu nyandiko y'imitangire y'amasoko ya Leta kandi bikabikwa mu ikoranabuhanga mu masoko ya Leta.

Icyemezo cy'urwego rutanga isoko rya Leta cyo kutakira inyandiko y'ipiganwa hamwe n'impamvu zashingiweho gifatwa bigomba guhita bimenyeshwa uwapiganwe bireba n'Ikigo cy'Igihugu Gishinzwe Gutunganya Amasoko ya Leta.

**<u>Ingingo ya 39</u>: Utsindira isoko iyo abapiganwa banganyije igiciro cyangwa amanota**

Iyo hari abapiganwa bujuje ibisabwa benshi banganya igiciro cyangwa amanota, urwego rutanga isoko rya Leta rurabahamagaza, rukoresheje ikoranabuhanga mu masoko ya Leta, bagatanga inyandiko zabo nshya z'ipiganwa zirimo ibiciro bito ariko hatagize igihinduka ku miterere y'ibigize inyandiko z'ipiganwa bari baratanze.

Iyo abapiganwa bujuje ibisabwa bongeye kunganya ibiciro cyangwa amanota, urwego rutanga isoko rya Leta ruritanga rukoresheje

entity and the bidder under this must, in any case, be included in the record of the procurement proceedings and archived in e-procurement.

The decision of the procuring entity to reject the bid and the reasons thereof must be promptly communicated to the concerned bidder and to the Rwanda Public Procurement Authority.

**<u>Article 39</u>: Successful bidder in case of bidders have equal prices or scores**

In case of many successful bidders with equal prices or scores, the procuring entity invites them, through e-procurement, to submit their new bids with reduced prices but without changing the nature of the former bids' content.

Where the successful bidders again submit same prices or get same scores, the procuring entity resorts to lot casting among those bidders.

article, les motifs de la prise de décision ainsi que toutes les communications entre l'entité de passation de marchés publis et le soumissionnaire à ce sujet doivent, dans tous les cas, être contenus dans un document de processus de passation des marchés et archivés dans le système électronique de passation de marchés publics.

La décision de l'entité de passation de marchés publics de rejeter l'offre ainsi que les motifs de ce rejet doivent être immédiatement communiqués au soumissionnaire concerné et à l'Office Rwandais de marchés publics.

**<u>Article 39</u>: Attributaire du marché en cas d'égalité des prix ou des scores**

Lorsqu'il y a plusieurs soumissionnaires qualifiés à égalité de prix ou des scores, l'entité de passation de marchés publics les invite, à travers le système électronique de passation de marchés publics, à présenter leurs nouvelles offres avec rabais sans toutefois changer la nature du contenu des anciennes offres.

Lorsque les attributaires sont encore à égalité de prix ou de scores, l'entité de passation de marchés publics procède à un tirage au sort

tombora hagati y'abo bapiganwa.

**<u>Ingingo ya 40</u>: Amakosa y'imibare**

Ku masoko yatanzwe hadakoreshejwe ikoranabuhanga, urwego rutanga isoko rya Leta rukosora amakosa y'imibare yagaragaye mu nyandiko y'ipiganwa mbere y'igereranya ry'inyandiko z'ipiganwa.

Urwego rutanga isoko rya Leta rumenyesha uwapiganwe ikosora ryakozwe.

Iyo igiciro mu mibare gitandukanye no mu nyuguti hitabwa ku giciro mu nyuguti.

Igiteranyo cyose cy'ibiciro kiri mu nyandiko y'ipiganwa kigomba kwandikwa mu mibare no mu nyuguti. Iyo igiciro mu mibare no mu nyuguti bitandukanye, abasesenguzi bagomba kureba impamvu y'iryo tandukana kugira ngo babihuze n'ukuri ku birebana n'igiteranyo mu mibare no mu nyuguti.

Iyo igiciro cya buri kintu gitandukanye n'igiciro cyose cy'ibintu biturutse mu gukuba igiciro cya buri kintu n'ingano y'ibintu, hitabwa ku giciro cya buri kintu, keretse iyo urwego rutanga isoko rya Leta rubona ko habayeho gushyira mu buryo bugaragara ikimenyetso gitandukanya imibarwa kiranga ibinyagihumbi ahatariho mu giciro cya buri

**<u>Article 40</u>: Arithmetic errors**

For contracts awarded using on-electronic procedures, the procuring entity corrects arithmetic errors found in the bid before the bids are compared.

The procuring entity notifies the bidder of the correction made.

If the price in figures is different from the price in words, the price in words prevails.

The total price in the bid must be written in figures and in words. If the price in figures is different from the price in words, evaluators must re-consider the cause of discrepancy to fit with reality in regard to the amount in figures and in words.

Where there is a discrepancy between the unit rate and the line item total resulting from multiplying the unit rate by the quantity, the unit rate as quoted prevails, unless in the opinion of the procuring entity there is an obviously gross misplacement of the three-digit separator in the unit rate, in which case the line item total as quoted prevails and the unit rate must be corrected.

entre ces attributaires.

**<u>Article 40</u>: Erreurs arithmétiques**

Pour les marchés attribués par voie non électronique, l'entité de passation de marchés publics corrige des erreurs arithmétiques trouvées dans l'offre avant la comparaison des offres.

L'entité de passation de marchés publics notifie le soumissionnaire de la correction faite.

Si le prix en chiffres diffère du prix en lettres, le prix en lettres prévaut.

Le montant total dans l'offre doit être écrit en chiffres et en lettres. Si le montant en chiffres diffère du montant en lettres, les évaluateurs doivent reconsidérer la cause de l'écart pour l'adapter à la réalité quant au montant en chiffres et en lettres.

Lorsqu'il y a une différence entre le taux unitaire et le total de l'article résultant de la multiplication du taux unitaire par la quantité, le taux unitaire prévaut, à moins que, de l'avis de l'entité de passation de marchés publics, il y a un mauvais placement manifeste du séparateur des groupes de trois chiffres dans le taux unitaire, auquel cas le total de l'article

kintu; icyo gihe igiciro cyose ni cyo cyitabwaho kandi igiciro cya buri kintu kigomba gukosorwa.

Iyo upiganwa atemeye ibyakosowe, inyandiko y'ipiganwa ikurwa mu ipiganwa n'ingwate y'ipiganwa igafatirwa iyo yatanzwe.

**<u>Ingingo ya 41</u>: Agaciro fatizo ku mahirwe yisumbuyeho aharirwa ibigemurwa bikomoka cyangwa bikorerwa mu Rwanda n'abapiganwa banditse mu Rwanda**

Binyuze mu ipiganwa, inzego zose zitanga amasoko ya Leta ziharira amahirwe:

1º ibigemurwa bikomoka cyangwa bikorerwa mu Rwanda, iyo zitanga amasoko y'ibigemurwa atarengeje amafaranga y'u Rwanda miliyoni ijana (100.000.000 FRW);

2º abatanga serivisi banditse mu Rwanda, iyo zitanga amasoko ya serivisi zitari iz'impuguke n'iz'impuguke afite agaciro katarengeje amafaranga y'u Rwanda miliyoni mirongo itanu (50.000.000 FRW);

If the bidder rejects the correction, the bid is rejected and the bid security is seized if it has been provided.

**<u>Article 41</u>: Threshold for exclusive preference for goods produced or manufactured in Rwanda and bidders registered in Rwanda**

Through competition, all procuring entities give exclusive preference to:

1º goods produced or manufactured in Rwanda, when procuring goods with the value not exceeding one hundred million Rwandan francs (100,000,000 FRW);

2º service providers registered in Rwanda, when procuring non-consultancy services and consultancy services with the value not exceeding fifty million Rwandan francs (50,000,000 FRW);

cité doit prévaloir et le taux unitaire doit être corrigé.

En cas de refus de la correction par le soumissionnaire, l'offre est rejetée et la garantie de soumission est saisie si elle a été fournie.

**<u>Article 41</u>: Seuil de préférence exclusive aux biens produits ou fabriqués au Rwanda et les soumissionnaires enregistrés au Rwanda**

Par voie de compétition, toutes les entités de passation de marchés publics accordent une préférence exclusive aux:

1º biens produits ou fabriqués au Rwanda lorsqu'elles attribuent les marchés des biens dont la valeur ne dépasse pas cent millions de francs rwandais (100.000.000 FRW);

2º fournisseurs de services enregistrés au Rwanda lorsqu'elles attribuent les marchés de services de non consultance et de services de consultance dont la valeur ne dépasse pas cinquante millions de francs rwandais (50.000.000 FRW);

3º amasosiyete yanditse mu Rwanda, iyo zitanga amasoko y'imirimo ifite agaciro katarengeje amafaranga y'u Rwanda miliyoni magana atanu (500.000.000 FRW).

**Ingingo ya 42: Amahirwe yisumbuyeho ku bigemurwa bikomoka cyangwa bikorerwa mu Rwanda na serivisi z'impuguke zo mu Gihugu**

Ku masoko mpuzamahanga cyangwa ay'imbere mu Gihugu, igitabo cy'ipiganwa giteganya amahirwe yisumbuyeho angana na cumi na gatanu ku ijana (15%) ku bigemurwa bikomoka cyangwa bikorerwa mu Rwanda, iyo hatangwa isoko ry'ibigemurwa no ku masosiyete yanditswe mu Rwanda, iyo hatangwa isoko rya serivisi z'impuguke.

Igitabo cy'ipiganwa giteganya kandi amahirwe yisumbuyeho angana n'icumi ku ijana (10%) ku masosiyete yanditswe mu Rwanda iyo hatangwa amasoko y'imirimo n'aya serivisi zitari iz'impuguke.

Amahirwe yisumbuyeho ku by'imbere mu Gihugu atangwa hakorwa isesengura ku rwego rw'igiciro.

3º companies registered in Rwanda, when procuring works with the value not exceeding five hundred million Rwandan francs (500,000,000 FRW).

**Article 42: Preference for goods produced or manufactured in Rwanda and local consultancy services**

For international tenders or national competitive bidding, the tender document provides for local preference of fifteen (15%) for goods produced or manufactured in Rwanda, when procuring goods and companies registered in Rwanda, when procuring consultancy services.

The tender document also provides for local preference of ten per cent (10%) for companies registered in Rwanda, when procuring works and non-consultancy services.

The local preference is granted at the phase of financial evaluation.

3º sociétés enregistrées au Rwanda lorsqu'elles attribuent les marchés des travaux dont la valeur ne dépasse pas cinq cent millions de francs rwandais (500.000.000 FRW).

**Article 42: Préférence pour les biens produits ou fabriqués au Rwanda et les services de consultance locaux**

Pour les appels d'offres internationaux ou nationaux, le dossier d'appel d'offres prévoit une préférence locale de quinze pour cent (15%) pour les biens produits ou fabriqués au Rwanda lorsqu'on attribue les marchés des biens et aux sociétés enregistrées au Rwanda lorsqu'on attribue les marchés de services de consultance.

Le dossier d'appel d'offres prévoit aussi une préférence locale de dix pour cent (10%) pour les sociétés enregistrées au Rwanda lorsqu'on attribue les marchés des travaux et les services de non consultance.

La préférence locale visée à l'alinéa est accordée à l'étape du processus de l'évaluation financière.

**Ingingo ya 43: Gushyira mu byiciro kubera amahirwe yisumbuyeho**

Mu gusesengura inyandiko z'ipiganwa, inyandiko z'ipiganwa zujuje ibisabwa zishyirwa mu byiciro ku buryo bukurikira:

1º **icyiciro A:** inyandiko z'ipiganwa zigenewe amahirwe yisumbuyeho ku by'imbere mu Gihugu;

2º **icyiciro B:** izindi nyandiko z'ipiganwa.

Iyo isesengura ry'inyandiko z'ipiganwa rirangiye, igiciro cya buri nyandiko y'ipiganwa yo mu cyiciro cya B cyongerwaho cumi n'atanu ku ijana (15%) cyangwa icumi ku ijana (10%) by'agaciro kacyoo bitewe n'igitangiwe amahirwe yisumbuyeho, amasezerano agahabwa ufite igiciro gito nyuma yo gutanga ayo mahirwe yisumbuyeho.

**Ingingo ya 44: Kumenyesha itangwa ry'isoko hakoreshejwe ikoranabuhanga mu masoko ya Leta**

Uwatsindiye isoko n'abatsinzwe bamenyeshwa ibyavuye mu isesengura ry'inyandiko z'ipiganwa by'agateganyo

**Article 43: Categorisation due to preference**

During evaluation of bids, the responsive bids are classified as follows:

1º **category A:** bids to be granted local preference;

2º **category B:** other bids.

When the evaluation process is completed, each bid price of category B is increased by fifteen percent (15%) or ten percent (10%) of its value, depending on the preference and the contract is awarded to the lowest bidder after giving this preference.

**Article 44: Notification of tender award through e-procurement**

The successful and the unsuccessful bidders are notified of the provisional outcome of the bids evaluation through e-procurement. The unsuccessful bidders must clearly be informed

**Article 43: Catégorisation par préférence**

Lors de l'évaluation des offres, les offres recevables sont classifiées comme suit:

1º **catégorie A:** offres éligibles à une préférence locale;

2º **catégorie B:** autres offres.

Lorsque le processus d'évaluation est terminé, le prix de chaque offre de la catégorie B est majoré de quinze pour cent (15%) ou de dix pour cent (10%) de sa valeur selon la préférence et le contrat est attribué au soumissionnaire le mieux disant après avoir accordé cette préférence.

**Article 44: Notification d'attribution du marché à travers le système électronique de passation de marchés publics**

L'attributaire du marché et les soumissionnaires non retenus sont notifiés des résultats provisoires de l'évaluation des offres à travers le système électronique de passation

hakoreshejwe ikoranabuhanga mu masoko ya Leta. Abatatsindiye isoko bagomba kumenyeshwa mu buryo busobanutse impamvu zatumye batarihabwa.

**Ingingo ya 45: Kudafatira ingwate y'ipiganwa**

Haseguriwe ibiteganywa n'itegeko rigenga amasoko ya Leta, ingwate y'ipiganwa ntigomba gufatirwa n'urwego rutanga isoko rya Leta iyo uwatsinze ipiganwa yanze gusinya amasezerano mu gihe:

1° amasezerano atasinywe igihe inyandiko y'ipiganwa igifite agaciro nk'uko biteganywa n'itegeko rigenga amasoko ya Leta bidaturutse ku watsindiye isoko;

2° urwego rutanga amasoko ya Leta rwanze guha uwatsindiye isoko uburenganzira yemererwa n'itegeko rigenga amasoko ya Leta.

**Ingingo ya 46: Uburengazira bwo kwishyura mbere y'ishyirwa mu bikorwa ry'amasezerano**

Bitabangamiye ibiteganywa n'itegeko

of the reasons for their disqualification.

**Article 45: Non seizure of the tender security**

Subject to provisions of the law governing public procurement, the tender security must not be retained by a procuring entity if the successful bidder refuses to sign the contract where:

1º contract was not signed within bid validity prescribed by the law governing public procurement on grounds not emanating from the successful bidder;

2º the procuring entity refuses to give the successful bidder his or her rights accorded by the law governing public procurement.

**Article 46: Authorisation for payment before the contract execution**

Without prejudice to provisions of the Law governing public procurement, no tender for

de marchés publics. Les soumissionnaires non retenus doivent être clairement informés des raisons de leur disqualification.

**Article 45: Non saisie de la garantie de soumission**

Sous réserve des dispositions de la loi portant réglementation de marchés publics, la garantie de soumission ne doit pas être saisie par l'entité de passation de marchés publics si l'attributaire du marché refuse de signer le contrat lorsque:

1º le contrat n'a pas été signé dans la période de validité des offres prévue par la loi portant réglementation de marchés publics pour des raisons qui n'émanent pas de l'attributaire du marché;

2º l'entité de passation de marchés publics refuse de donner à l'attributaire du marché les droits que lui reconnaît la loi portant réglementation de marchés publics.

**Article 46: Autorisation du paiement avant l'exécution d'un contrat**

Sans préjudice des dispositions de la loi portant réglementation de marchés publics,

rigenga amasoko ya Leta, nta soko ry'amasezerano y'imirimo, ay'ibigemurwa cyangwa aya serivisi ryishyurwa mbere yo gushyirwa mu bikorwa cyangwa kwakirwa n'urwego rutanga amasoko ya Leta cyangwa uwemerewe kuruhagararira, keretse byemejwe n'Ikigo cy'Igihugu Gishinzwe Gutunganya Amasoko ya Leta. Iyo ari Ikigo cy'Igihugu Gishinzwe Gutunganya Amasoko ya Leta, gishaka ubwo burenganzira, kibuhabwa n'Inama y'Ubutegetsi yacyo.

**Ingingo ya 47: Ingano n'igihe cyo gutanga ingwate yo kurangiza neza isoko**

Ingwate yo kurangiza neza isoko ibarwa kuva kuri gatanu kugeza ku icumi ku ijana (5-10%) by'igiciro cy'amasezerano.

Ku masoko yo mu Gihugu, ingwate yo kurangiza neza isoko itangwa mu gihe kitarenze iminsi cumi n'itanu (15) uhereye ku munsi ibaruwa itumira kuza gushyira umukono ku masezerano yatangiwe.

Ku masoko mpuzamahanga, ingwate yo kurangiza neza isoko itangwa mu minsi itarenze makumyabiri n'umwe (21) uhereye ku munsi ibaruwa itumira kuza gushyira umukono ku masezerano yatangiwe.

Ingwate yo kurangiza neza isoko itangwa mu

works, goods or services contract is paid for before they are executed or delivered and accepted by the procuring entity or its duly authorised representative, except in the cases authorised by the Rwanda Public Procurement Authority. If it is the Rwanda Public Procurement Authority that needs such authorisation, its Board of Directors may grant it.

**Article 47: Amount and period for submission of performance security**

The performance security is counted from five to ten per cent (5-10%) of the contract price.

For national tenders, the performance security is provided within fifteen (15) days from the submission date of the invitation letter to sign the contract.

For international tenders, the performance security is provided within twenty-one (21) days from the submission date of the invitation letter to sign the contract.

The submission of a performance security is done electronically between e-procurement

aucun marché des travaux, des biens ou des services ne peut être payé avant son exécution ou sa réception par l'entité de passation de marchés publics ou son représentant dûment autorisé, sauf les cas autorisés par l'Office Rwandais de marchés publics. Si c'est l'Office Rwandais de marchés publics qui a besoin d'une telle autorisation, son Conseil d'Administration peut l'octroyer.

**Article 47: Montant et délai du dépôt de la garantie de bonne exécution**

La garantie de bonne exécution est calculée de cinq à dix pour cent (5-10%) du prix du contrat.

Pour les marchés nationaux, la garantie de bonne exécution est fournie endéans quinze (15) jours à partir de la date de transmission de la lettre d'invitation à signer le contrat.

Pour les marchés internationaux, la garantie de bonne exécution est fournie endéans vingt et un (21) jours à partir de la date de transmission de la lettre d'invitation à signer le contrat.

La soumission d'une garantie de bonne exécution se fait par voie électronique entre le

buryo bw'ikoranabuhanga hagati y'ikoranabuhanga mu masoko ya Leta n'ikoranabuhanga ry'ikigo cyahaye ingwate uwatsindiye isoko.

Ku masoko atangwa mu ipiganwa rigenewe abapiganwa bake no mu buryo bw'inzira ngufi, ku masoko agenewe abapiganwa baturutse mu Gihugu, ingwate yo kurangiza neza isoko itangwa mu gihe kitarenze minsi itanu (5) uhereye ku munsi ibaruwa itumira kuza gushyira umukono ku masezerano yatangiwe, naho ku masoko mpuzamahanga, ingwate itangwa mu gihe kitarenze iminsi itarenze umunani (8) uhereye ku munsi ibaruwa itumira kuza gushyira umukono ku masezerano yatangiwe.

Amasoko y'imirimo, ay'ibigemurwa n'aya serivisi zitari iz'impuguke afite agaciro k'amafaranga y'u Rwanda atarenze miliyoni icumi (10.000.000 FRW) n'amasoko ashingiye ku masezerano asasiye ashobora kurenza amafaranga y'u Rwanda miliyoni icumi (10.000.000 FRW) hagendewe ku mpapuro zisaba kugemura, ashobora kudasabirwa ingwate yo kurangiza neza isoko.

Ku masoko avugwa mu gika cya 6 cy'iyi ngingo, mu mwanya w'ingwate yo kurangiza neza isoko, urwego rutanga isoko rya Leta

and the internal electronic system of the institution issuing the security to the successful bidder.

In case of public procurement by simplified method, for national restricted tendering, the performance security is provided within five (5) days from the submission date of the invitation letter to sign the contract, while for international tenders, it is provided within eight (8) days from the submission date of the invitation letter to sign the contract.

Tenders for works, goods and services other than consultancy services whose amount does not exceed ten million (10,000,000 FRW) Rwandan francs and tenders for framework agreements that may exceed ten million Rwandan francs (10,000,000 FRW) as per the purchase order may not require a performance security.

For tenders stated in Paragraph 6 of this Article, the procuring entity, instead of a performance security, withholds ten percent (10%) on each invoice presented by the

système électronique de passation de marchés publics et le système électronique interne de l'institution qui donne la garantie à l'attributaire du marché.

En cas de marchés publics attribués par méthode simplifiée, pour un appel d'offre restreint national, la garantie de bonne exécution est fournie endéans cinq (5) jours à partir de la date de transmission de la lettre d'invitation pour signer le contrat, alors que pour un marché international, la garantie est fournie endéans huit (8) jours à partir de la date de transmission de la lettre d'invitation pour signer le contrat.

Les marchés des travaux, des biens et des services autres que des services de consultance dont la valeur ne dépasse pas dix millions de francs rwandais (10.000.000 FRW) et les marchés d'accords-cadres qui peuvent dépasser dix millions de francs rwandais (10.000.000 FRW) sur base du bon de commande peuvent ne pas exiger une garantie de bonne exécution.

Pour les marchés mentionnés à l'alinéa 6 du présent article, l'entité de passation de marchés publics, au lieu d'une garantie de bonne exécution, retient dix pour cent (10%)

rufatira icumi ku ijana (10%) kuri buri nyemezabuguzi yatanzwe n'uwatsindiye isoko kugeza igihe imirimo irangiriye.

Amasezerano ashyirwaho umukono hakoreshejwe ikoranabuhanga mu masoko ya Leta nyuma y'uko urwego rutanga isoko rya Leta rumaze kwakira iyo ngwate.

**Ingingo ya 48: Ingaruka yo gushyira amananiza ku ifatira ry'ingwate**

Bisabwe n'urwego rutanga isoko rya Leta mu buryo buteganywa n'itegeko rigenga amasoko ya Leta, banki cyangwa ikigo cy'imari byishingiye uwatsindiye isoko bigomba kubahiriza ibyo byiyemeje bifatira ingwate y'ipiganwa, ingwate yo kurangiza neza isoko n'ingwate y'avansi yo gutangira imirimo mu gihe kitarenze iminsi cumi n'ine (14) ibarwa uhereye ku munsi byakiriyeho ubusabe bw'urwego rutanga isoko rya Leta.

Iyo banki cyangwa ikigo cy'imari bidatanze amafaranga angana n'agaciro k'ingwate byasabwe, urwego rutanga isoko rya Leta rubimenyesha Ikigo cy'Igihugu Gishinzwe Gutunganya Amasoko ya Leta. Ikigo cy'Igihugu Gishinzwe Gutunganya Amasoko ya Leta gishobora gusaba inzego zitanga

successful bidder until works are completed.

The contract is signed through e-procurement after the procuring entity has received the performance security.

**Article 48: Effect of hampering of the seizure of a security**

When requested by the procuring entity as per law governing public procurement, the bank or the financial institution that has acted as an insurer must abide by its commitment when it comes to seizure of the bid security, the performance security and the advance payment security within fourteen (14) days from the date of receipt of the application from the procuring entity.

Where a bank or a financial institution fails to pay an amount equal to the security requested, the procuring entity communicates it to Rwanda Public Procurement Authority. Rwanda Public Procurement Authority may request to all procuring entities not to accept all forms of security from that bank or that financial institution within two (2) years.

sur chaque facture présentée par l'attributaire du marché jusqu'à ce que les travaux sont terminés.

Le contrat est signé à travers le système électronique de passation de marchés publics après que l'entité de passation de marchés publics ait reçu la garantie de bonne exécution.

**Article 48: Effet d'entrave à la saisie d'une sécurité**

À la demande de l'entité de passation de marchés publics conformément à la loi portant réglementation de marchés publics, la banque ou l'institution financière qui a donné une garantie doit exécuter son obligation de saisir la garantie de soumission, la garantie de bonne exécution et la garantie de paiement anticipé endéans quatorze (14) jours à compter de la date de réception de la demande de l'entité de passation de marchés publics.

Lorsqu'une banque ou une institution financière ne verse pas le montant égal à la garantie demandée, l'entité de passation de marchés publics le communique à l'Office Rwandais de marchés publics. L'Office Rwandais de marchés publics peut demander à toutes les entités de passation de marchés publics de ne pas accepter endéans deux (2)

amasoko ya Leta kutakira ingwate iyo ari yo yose y'iyo banki cyangwa ikigo cy'imari mu gihe cy'imyaka ibiri (2). Icyakora, ibi ntibikuraho ko urwego rutanga isoko rya Leta bireba rukoresha izindi nzira zo gukurikirana iyo banki cyangwa icyo kigo cy'imari byananije ifatira ry'ingwate hakurikijwe itegeko rigenga amasoko ya Leta n'andi mategeko.

Mbere yo gufata icyemezo kivugwa mu gika cya 2 cy'iyi ngingo, Ikigo cy'Igihugu Gishinzwe Gutunganya Amasoko ya Leta kibanza gukora ibi bikurikira:

1º gusaba banki cyangwa ikigo cy'imari bireba gutanga, mu gihe kitarenze iminsi cumi n'itanu (15) uhereye ku munsi byakiriyeho inyandiko ibisaba, ibisobanuro mu nyandiko by'impamvu kidatanga ingwate;

2º gufata icyemezo mu gihe cy'iminsi cumi n'itanu (15) uhereye ku munsi cyakiriyeho ibisobanuro bya banki cyangwa iby'ikigo cy'imari bireba cyangwa mu gihe cy'iminsi cumi n'itanu (15) iyo igihe kivugwa mu gace ka 1º k'igika cya 3 cy'iyi ngingo kirangiye banki cyangwa ikigo cy'imari bireba bitaratanga

However, this does not prevent the concerned procuring entity to follow other mechanisms to sue the concerned bank or financial institution that hinder the seizure of security in accordance with the law governing public procurement and other laws.

Before applying the measure referred to under Paragraph 2 of this Article, Rwanda Public Procurement Authority, has first to do the following:

1º to request the concerned bank or financial institution to provide explanations in writing, within fifteen (15) days from the date it receives the request, justifying the reasons why it does not release the security;

2º to take a decision within fifteen (15) days from the date of reception of the explanations from the concerned bank or financial institution or within fifteen (15) days when the period referred to under item 1º of Paragraph 3 of this Article is terminated without reception of requested explanations from the concerned bank or financial institution.

ans tous les formulaires de garanties de cette banque ou institution financière. Toutefois, cela n'empêche pas que l'entité de passation de marchés publics concernée ait recours à d'autres mécanismes pour poursuivre la banque ou l'institution financière concernée qui empêche la saisie de la garantie conformément à la loi portant réglementation de marchés publics et à d'autres lois.

Avant de prendre la mesure visée à l'alinéa 2 du présent article, l'Office Rwandais de marchés publics doit d'abord faire ce qui suit:

1º demander à la banque ou à l'institution financière concernée de fournir, endéans quinze (15) jours à partir de la réception de la demande, les explications écrites justifiant les raisons pour lesquelles elle ne libère pas la garantie;

2º prendre une décision endéans quinze (15) jours à partir de la date de réception des explications demandées à la banque ou à l'institution financière concernée ou endéans quinze (15) jours lorsque le temps prescrit au point 1º de l'alinéa 3 du présent article s'est écoulé sans avoir reçu des explications demandées de la banque ou de l'institution financière concernée.

ibisobanuro byasabwe.

Icyemezo cy'Ikigo cy'Igihugu Gishinzwe Gutunganya Amasoko ya Leta cyo kubuza banki cyangwa ikigo cy'imari bireba kudatanga ingwate mu gihe cy'imyaka ibiri (2) kimenyeshwa iyo banki cyangwa icyo kigo cy'imari n'inzego zose zitanga amasoko ya Leta.

**Ingingo ya 49: Kudasaba ingwate yo kurangiza neza isoko**

Nta ngwate yo kurangiza neza isoko isabwa ku masoko ya Leta yatanzwe binyuze mu buryo bwa reji.

**Ingingo ya 50: Agaciro fatizo kugira ngo hatangwe isoko rya Leta hatabaye ipiganwa cyangwa binyuze mu bwumvikane butaziguye**

Isoko rifite agaciro katarengeje amafaranga y'u Rwanda ibihumbi magana atanu (500.000 FRW) ritangwa nta piganwa ribayeho.

Isoko rifite agaciro karenze amafaranga y'u Rwanda ibihumbi magana abiri (200.000 FRW) ariko katarenze amafaranga y'u Rwanda bihumbi magana atanu (500.000

The decision of Rwanda Public Procurement Authority prohibiting security from the concerned bank or financial institution within two (2) years is notified to that bank or financial institution and to all procuring entities.

**Article 49: Non requirement of a performance security for tender**

The performance security is not required in public procurement awarded through the method of force account.

**Article 50: Threshold for use of single-source procurement or direct contracting**

A tender whose value does not exceed five hundred thousand Rwandan francs (500,000 FRW) is awarded without resorting to any competitive method.

A tender whose value exceeds two hundred thousand Rwandan francs (200,000 FRW) but not exceeding five hundred thousand Rwandan francs (500,000 FRW) is awarded through the public procurement committee.

La décision de l'Office Rwandais de marchés publics de ne pas accepter la garantie de la banque ou de l'institution financière concernée endéans deux (2) ans est notifiée à cette banque ou à cette institution et aux entités de passation de marchés publics.

**Article 49: Non exigence de la garantie de bonne exécution du marché**

La garantie de bonne exécution du marché n'est pas requise dans la passation de marché public attribué en utilisant la méthode de régie.

**Article 50: Seuil pour l'utilisation de la méthode d'entente directe ou gré à gré**

Un marché dont la valeur ne dépasse pas cinq cent mille francs rwandais (500.000 FRW) est attribué sans aucune méthode compétitive.

Un marché dont la valeur dépasse deux cent mille francs rwandais (200.000 FRW) mais qui ne dépasse pas cinq cent mille francs rwandais (500.000 FRW) est attribué à travers le comité de passation de marchés publics.

FRW) ritangwa binyuze mu kanama gashinzwe gutanga amasoko ya Leta.

Isoko rifite agaciro katarengeje amafaranga y'u Rwanda ibihumbi magana abiri (200.000 FRW) ritangwa binyuze ku mukozi ushinzwe amasoko ya Leta. Uyu mukozi atanga inama yo gutanga iryo soko ku Muyobozi w'Ishami rifite imari mu nshingano kugira ngo abyemeze ku rwego rwa mbere n'Umugenga w'Ingengo y'Imari kugira ngo abyemeze ku rwego rwa kabiri.

Nta na rimwe urwego rutanga amasoko ya Leta rwemerewe gucamo ibice isoko hagamijwe kutubahiriza uburyo busanzwe bw'imitangire y'amasoko ya Leta buteganywa n'itegeko.

a= [insérer la valeur du coefficient]
b= [insérer la valeur du coefficient]
c= [insérer la valeur du coefficient]

c= [shyiramo umubare]

Upiganwa agaragaza aho yakuye imibare yazagenderwaho mu ihinduka ry'ibiciro n'itariki fatizo mu nyandiko ye y'ipiganwa.

Itariki fatizo= iminsi mirongo itatu (30) mbere y'itariki yo gutanga inyandiko z'ipiganwa.

Itariki yo guhindura ibiciro = shyiramo umubare w'ibyumweru, ibyumweru bibanziriza itariki ibicuruzwa bivira aho byaguzwe, itariki yo hagati y'igihe ibicuruzwa bikorerwamo.

**Ingingo ya 65: Ibisabwa kugira ngo ibiciro bisubirwemo**

Gusaba guhindura ibiciro bishobora gukorwa na rumwe mu mpande zashyize umukono ku masezerano hitawe kuri ibi bikurikira:

1º gusubiramo ibiciro ntibikorwa mbere y'amezi icyenda (9) uhereye ku munsi w'itangira ry'ishyirwa mu bikorwa ry'amasezerano;

2º gusubiramo ibiciro byemerwa gusa iyo habayeho guhindura amasezerano y'ibanze, impande zombi zikumvikana kuri icyo gikorwa.

The bidder indicates the source of the indices and the base date indices in the bid.

Base date = thirty (30) days prior to the deadline for submission of the bids.

Date of adjustment = insert number of weeks, weeks prior to date of shipment representing the mid-point of the period of manufacture.

**Article 65: Requirements for price adjustment**

The price adjustment formula is invoked by either party subject to the following requirements:

1º the price adjustment is not done before nine (9) months from the date of commencement of the execution of the contract;

2º the price adjustment is allowed only if there is a prior contract modification whereby both parties agree for that purpose.

No price adjustment is allowed beyond the

Le soumissionnaire indique la source des indices de la date de base dans son offre.

Date de base = trente (30) jours avant la date limite de soumission des offres.

Date d'ajustement = insérer le nombre de semaines, semaines avant la date d'embarquement représentant la mi-période de fabrication.

**Article 65: Conditions requises pour la révision des prix**

La formule d'ajustement des prix est invoquée par l'une de deux parties sous réserve des conditions suivantes:

1º la révision des prix n'est pas faite avant neuf (9) mois dès la date de commencement de l'exécution du contrat;

2º la révision des prix n'est admise que s'il y a une modification préalable du contrat dans laquelle chacune des parties consent pour la révision.

Aucun ajustement des prix n'est permis au-

Nta hindurwa ry'ibiciro ribaho nyuma y'itariki yari iteganyijwe mu masezerano yo kurangiza isoko, keretse iyo byavuzwe mu ibaruwa yongerera uwatsindiye isoko igihe cyo kurirangiza.

Nta na rimwe ihindura ry'ibiciro ryemerwa mu gihe cy'ubukererwe bwatewe n'uwatsindiye isoko wenyine.

Icyakora, urwego rutanga isoko rya Leta rwo rwemererwa buri gihe igabanywa ry'ibiciro riteganywa muri iyi ngingo iyo:

1º ifaranga ryakoreshejwe ku gaciro $P_0$ ku masezerano, ritandukanye n'iry'igihugu cy'inkomoko gikomokamo abakozi n'ibikoresho, hakoreshwa umubare wo guhuza ayo mafaranga yombi. Uwo mubare ushingira ku igereranya ry'ayo mafaranga yombi ku itariki fatizo no ku itariki yo guhindura ibiciro;

2º isubirwamo ry'ibiciro rishoboka ari uko ibiciro byatanzwe n'upiganwa bigaragaza ikiguzi cya buri kintu, cyane cyane ku masoko y'imirimo.

original delivery dates unless specifically stated in the letter of extension of the completion date.

Under no circumstances is price adjustment is allowed for periods of delay for which the successful bidder is entirely responsible.

However, the procuring entity is entitled to any decrease in the prices provided for by this Article:

1º the currency in which the contract price $P_0$ expressed is different from the currency of origin of the labour and material indices, a correction factor is applied to avoid incorrect adjustments of the contract price. The correction factor corresponds to the ratio of exchange rates between the two currencies on the base date and the date for adjustment;

2º the revision of prices is practical if there is a breakdown of unit prices, especially for tenders of works.

No price adjustment is payable on the portion

delà des dates de livraison à moins que cela ne soit spécifiquement établi dans la lettre de prolongation du délai d'exécution.

En aucun cas, un ajustement des prix n'est autorisé dans les périodes de retard dont l'attributaire du marché est totalement responsable.

Toutefois, l'entité de passation de marchés publics est autorisé à effectuer une réduction des prix telle que prévue par le présent article:

1º la monnaie dans laquelle le prix $P_o$ du contrat est exprimé est différente de celle du pays d'origine de la main d'œuvre et des indices de matériaux, le facteur de correction est utilisé afin d'éviter des ajustements inexacts du prix du contrat. Le facteur de correction correspond au rapport des taux de change entre les deux monnaies à la date de base et à la date d'ajustement;

2º afin que la révision des prix soit applicable, obligatoirement les prix unitaires dans l'offre sont détaillés, plus particulièrement en cas des marchés des travaux.

Aucun ajustement des prix n'est payable

Nta hinduka ry'ibiciro ribaho kuri avansi yo gutangira imirimo ihabwa uwatsindiye isoko.

**Ingingo ya 66: Iguriro koranabuhanga**

Iguriro koranabuhanga rifite ubwoko bw'amasezerano asasiye bukurikira:

1º amasezerano asasiye ikigo cyemerewe gutegurira isoko n'amasezerano yaryo ibindi bigo bya Leta cyashyizeho umukono mu izina ry'izindi nzego zitanga amasoko ya Leta ;

2º amasezerano asasiye buri rwego rwa Leta rugirana ku giti cyarwo na rwiyemezamirimo watsindiye isoko rwatangaje, uzajya arugemurira ibyo rukeneye.

Minisitiri ufite amasoko ya Leta mu nshingano atanga amabwiriza asobanura ibigemurwa, serivisi z'impuguke n'izitari iz'impuguke bitangirwa amasoko n'ikigo cyemerewe gutegurira isoko n'amasezerano yaryo ibindi bigo bya Leta kugira ngo rukore amasezerano asasiye izindi nzego za Leta zifashisha mu kugura ibigemurwa na serivisi z'impuguke n'izitari iz'impuguke.

Nyuma yo gushyira umukono ku masezerano

of the contract price paid to the supplier as advance payment.

**Article 66: E-shopping mall**

The e-shopping mall has types of framework agreements as follows:

1º central framework agreement that is signed by a central purchasing body on behalf of other procuring entities;

2º individual framework agreement that is signed by individual procuring entities for their own and exclusive use.

The Minister in charge of public procurement issues instructions specifying goods, consultancy, and non-consultancy services that are procured under central framework agreement by a central purchasing body.

After signing a framework agreement, both individual and central, a procuring entity

proportionnellement au montant payé au titulaire en guise d'avance de démarrage.

**Article 66: Magasin électronique**

Le magasin électronique a des types d'accords-cadres suivants:

1º l'accord-cadre central signé par l'entité centrale d'approvisionnement au nom d'autres entités de passation de marchés publics;

2º l'accord-cadre individuel signé par chaque entité de passation de marchés publics avec l'attributaire du marché sélectionné individuellement par la même entité.

Le Ministre ayant les marchés publics dans ses attributions émet les instructions spécifiant les biens, services de consultance et de non consultance achetés par moyen d'accord-cadre central signé par une entité centrale d'approvisionnement.

Après la signature de l'accord-cadre, que ce soit individuel ou central, l'entité de passation

asasiye, yaba akoranywe na rwiyemezamirimo ubwe cyangwa akoranywe na rwiyemezamirimo mu izina ry'izindi nzego za Leta, urwego rutanga amasoko ya Leta rushyira ayo masezerano ku iguriro koranabuhanga mu gihe kitarenze iminsi itatu (3) y'akazi uhereye igihe yashyiriweho umukono.

Urwego rutanga isoko rya Leta rushobora gukoresha iguriro koranabuhanga rugasaba rwiyemezamirimo ibigemurwa cyangwa serivisi z'impuguke n'izitari iz'impuguke biri muri ayo masezerano asasiye.

**Ingingo ya 67: Igihe amasezerano asasiye amara n'ibiciro bigenderwaho**

Amasezerano asasiye, yaba akoranywe na rwiyemezamirimo ubwe cyangwa akoranywe na rwiyemezamirimo mu izina ry'izindi nzego za Leta, amara igihe kitarenze imyaka itatu (3) ibanziriza ipiganwa rishya. Icyakora, icyo gihe gishobora kongerwa inshuro imwe gusa ku isoko risaba uwaritsindiye gushora amafaranga menshi kugira ngo ashobore gukora ibyo urwego rutanga isoko rya Leta rukeneye, ku buryo ayo mafaranga yagaruzwa mu gihe kirekire, cyangwa andi masoko afite imiterere yihariye ituma urwego rutanga isoko rya Leta rukomeza kubona neza ibyo rukeneye hashingiwe ku masezerano asasiye

registers the agreement in e-shopping mall within three (3) working days from the signing date.

A procuring entity may use e-shopping mall and place orders to the concerned supplier of goods and services specified in the framework agreement.

**Article 67: Duration of framework agreements and applicable prices**

A framework agreement, both individual and central, is signed for a period not exceeding three (3) years prior to a new competition. However, this period may be renewed only once for tender that requires a successful bidder to make investments, in order to meet the procuring entity's needs, investments to be returned in a long term or for tenders of specialised or complex nature to the fact that the needs of the procuring entity are met by keeping the current framework agreement.

de marchés publics concernée inscrit le contrat dans le magasin électronique endéans trois (3) jours ouvrables dès sa signature.

L'entité de passation de marchés publics peut utiliser un magasin électronique pour émettre des bons de commande au fournisseur concerné afin de fournir les produits ou services spécifiés dans l'accord-cadre.

**Article 67: Délai des accords-cadres et les prix applicables**

Un accord-cadre, soit individuel ou central, est conclu pour une période ne dépassant pas trois (3) ans avant une nouvelle compétition. Toutefois, cette période peut être renouvelée une seule fois pour le marché nécessitant des investissements préalables par les soumissionnaires, afin de satisfaire aux besoins de l'entité de passation de marchés publics, les investissements à être recouvrés en long termes, ou pour les marchés de nature spéciale ou complexe de sorte que la satisfaction des besoins de l'entité de passation de marchés publics est assurée en maintenant l'accord-cadre en cours.

rwashyizeho umukono.

Mu gushyira mu bikorwa amasezerano asasiye avugwa mu gika cya mbere cy'iyi ngingo, hashyirwa umukono ku masezerano y'umwaka umwe (1), agashyirwa mu iguriro koranabuhanga. Ashobora kongerwa buri mwaka mu gihe rwiyemezamirimo yagiye arangiza neza inshingano ze.

Ibiciro bigenderwaho ni ibyatanzwe mu nyandiko y'ipiganwa hakurikijwe amategeko n'amabwiriza agenga amasoko ya Leta.

Iyo nyuma y'amezi icyenda (9) hakenewe gusubiramo ibiciro, impande zagiranye amasezerano asasiye zishobora kumvikana zigasubiramo ibiciro. Iyo impande zombi zabyumvikanye, zihindura igihe cy'amasezerano akamara amezi atandatu (6) uhereye umunsi impande zombi zumvikanye ku biciro byasubiwemo. Muri ayo mezi atandatu (6) urwego rutanga isoko rugomba kuba ritanga irindi soko.

**<u>Ingingo ya 68</u>: Ibyo urwego rutanga amasoko rya Leta rugaragaza mu gihe cyo gutegura igitabo cy'ipiganwa rijyanye n'amasezerano asasiye**

Mu gihe cyo gutegura igitabo cy'ipiganwa rijyanye n'amasezerano asasiye, urwego

Framework agreement referred to under Paragraph One of this Article is implemented by signing and registering in E-shopping Mall a one (1) year contract renewable annually as long as there has been satisfactory performance by the supplier.

Applicable prices are those submitted in the bid following the law and regulations governing public procurement.

Whenever there is need for price adjustment after nine (9) months, parties to the framework agreement may negotiate and effect price adjustment. When the two parties agree, they change the duration of the contract to six (6) months from the date on which the two parties have agreed on the revised prices. Within these six (6) months, the procurement entity must proceed to the new tender.

**<u>Article 68</u>: Specifications provided by the procuring entity when preparing the tender document relating to framework agreement**

When preparing the tender document, a procuring entity indicates a list of items and estimated annual quantity of each item that it

L'accord-cadre mentionné à l'alinéa premier du présent article est mis en application après signature d'un contrat d'une (1) année enregistré dans le magasin électronique. Il est renouvelable annuellement si l'attributaire s'est exécuté avec satisfaction.

Les prix applicables sont ceux soumis dans l'offre selon la loi et les règlements sur les marchés publics.

S'il est nécessaire de réviser les prix après neuf (9) mois, les parties à l'accord-cadre peuvent négocier et revoir les prix. Lorsque les deux parties sont d'accord, elles modifient la durée du contrat à six (6) mois à partir du jour où les deux parties se sont mis d'accord sur les prix révisés Endéans ces six (6) mois, l'entité de passation de marches doit procéder au nouvel appel d'offres.

**<u>Article 68</u>: Spécifications fournies par l'entité de passation de marchés publics lors de la préparation du document d'appel d'offres relatives aux accords-cadres**

Pendant la préparation du document d'appel d'offres, l'entité de passation de marchés publics indique une liste des articles et la

rutanga amasoko rya Leta rugaragaza urutonde n'ingano ya buri kintu kigize isoko kizakenerwa mu mwaka w'ingengo y'imari isoko rizashyirirwa mu bikorwa.

Ingano yatanzwe kuri buri kintu ni yo yifashishwa mu gihe cy'isesengura ry'inyandiko z'ipiganwa n'igereranya ry'ibiciro byatanzwe aho ba rwiyemezamirimo bose batanga ibiciro bashingiye ku ngano izwi ya buri kintu gikenewe. Icyakora, iyo ngano yatanzwe mu gitabo cyerekana uburyo ipiganwa rikorwa, si ngombwa ngo ibe ari yo ikurikizwa mu ishyirwa mu bikorwa ry'amasezerano.

Inyandiko isaba kugemura itangwa n'urwego rutanga isoko rya Leta ishingira ku giciro cya buri kintu.

**<u>Ingingo ya 69</u>: Imirimo y'inyongera ku masezerano y'ibanze**

Haseguriwe ibiteganywa n'itegeko rigenga amasoko ya Leta, iyo urwego rutanga isoko rya Leta rusanze imirimo y'inyongera ku masezerano y'ibanze irenze makumyabiri ku ijana (20%) by'agaciro k'amasezerano y'ibanze, kandi urwo rwego rukabona bidashoboka ko iyo mirimo y'inyongera ikorwa biciye mu rindi soko mu rwego rwo

will need during the concerned fiscal year.

Quantity provided for each item serves as basis during the evaluation of bids and comparison of prices offered where bidders offered the price basing on known quantity of each unit. However, it is not mandatory to apply the quantity provided for in the tender document when executing a contract.

The purchase order requesting delivering issued by a procuring entity is based on the unit price of each item.

**<u>Article 69</u>: Additional activities to the initial contract**

Subject to the provisions of the law governing public procurement, when the procuring entity realises that additional activities to the initial contract exceed twenty per cent (20%) of the value of the initial contract and believes that for technical or accountability reasons they must not be separated from the executed part, the procuring entity applies for authorisation to use a method other than an open tender, to

quantité estimée de chaque article dont elle aura besoin au cours de l'exercice financier concerné.

La quantité fournie pour chaque article sert de base lors de l'évaluation des offres et la comparaison des prix proposés, où les soumissionnaires ont proposé les prix en se basant sur une quantité connue de chaque unité. Toutefois, il n'est pas obligatoire d'appliquer la quantité fournie dans le dossier d'appel d'offres lors de l'exécution d'un contrat.

Le bon de commande de l'entité de passation de marchés publics demandant la livraison est basé sur le prix unitaire de chaque bien ou service.

**<u>Article 69</u>: Prestations additionnelles au contrat initial**

Sous réserve des dispositions de la loi portant réglementation de marchés publics, lorsque l'entité de passation de marchés publics constate que les prestations additionnelles au contrat principal dépassent vingt pour cent (20%) de la valeur du contrat principal, mais que pour des raisons techniques ou de responsabilité, ces prestations ne doivent pas être séparées du reste des prestations déjà

kwirinda kuyitandukanya n'ibyamaze gukorwa kubera impamvu za tekiniki cyangwa izindi mpamvu zigamije kumenya neza uwishingira ibyakozwe, urwo rwego rusaba Ikigo cy'Igihugu Gishinzwe Gutunganya Amasoko uburenganzira bwo guha icyo gice, nk'isoko rishya, rwiyemezamirimo wari usanzwe afite isoko rya mbere hakoreshejwe ubundi buryo butari ipiganwa risesuye, hakurikijwe ibiteganywa n'itegeko n'amabwiriza bigenga amasoko ya Leta.

Ibiciro by'amasezerano y'inyongera ntibigomba kuba bihanitse cyangwa ari bito bikabije ugereranyije n'ibiri ku isoko.

**<u>Ingingo ya 70</u>: Kwishyura inyemezabuguzi**

Kwishyura inyemezabuguzi bikorwa mu gihe kitarenze iminsi mirongo ine n'itanu (45) uhereye ku munsi uwatsindiye isoko yayitangiyeho.

Mu gihe urwego rutanga isoko rya Leta rutishyuye ku gihe inyemezabuguzi, rubimenyesha mu nyandiko uwatsindiye isoko, rukanagaragaza impamvu rutishyuye ku gihe, rugaha Ikigo cy'Igihugu Gishinzwe Gutunganya Amasoko ya Leta kopi y'iyo nyandiko.

Rwanda Public Procurement Authority in accordance with public procurement law and regulations.

The prices of additional activities must not be extremely higher or abnormally low compared to the market price.

**<u>Article 70</u>: Payment of invoice**

Payment of invoice is made within forty-five (45) days from the date the bidder submitted it.

Failure to pay the invoice in the prescribed period, the procuring entity notifies the bidder in writing the grounds of not paying the invoice on time and gives copy to Rwanda Public Procurement Authority.

réalisées, elle demande auprès de l'Office Rwandais de marchés publics, l'autorisation d'attribuer cette partie par une méthode autre qu'un appel d'offres ouvert, conformément à la loi et règlements régissant les marchés publics.

Les prix des activités supplémentaires ne doivent pas être largement supérieurs ou anormalement très bas par rapport au prix du marché.

**<u>Article 70</u>: Paiement de factures**

Le paiement de la facture est effectué endéans quarante-cinq (45) jours à compter de la date de sa transmission par le soumissionnaire.

En cas de défaut de paiement pendant la période prescrite, l'entité de passation de marchés publics notifie par écrit le soumissionnaire les raisons de non payement de la facture à temps et donne copie à l'Office Rwandais de marchés publics.

**Ingingo ya 71: Icyemezo cyo kurangiza amasezerano neza**

Nyuma yo kurangiza neza amasezerano kandi urwego rutanga isoko rya Leta rwakiriye burundu ibyakozwe, rwiyemezamirimo ashobora gusaba mu nyandiko urwego rutanga isoko rya Leta kumuha icyemezo cy'uko yarangije amasezerano neza.

Iyo usaba icyemezo cyo kurangiza amasezerano neza ari uwapatanye, icyemezo gisabwa n'uwagiranye amasezerano n'urwego rutanga isoko rya Leta.

Urwego rutanga isoko rya Leta, rutanga icyemezo cyo kurangiza amasezerano neza rugaragaza muri icyo cyemezo izina ryarwo n'aho rubarizwa, umwirondoro w'uwashyize umukono ku masezerano, izina, nomero n'agaciro by'isoko, itariki amasezerano yashyiriweho umukono, ndetse n'iyo yarangiriyeho.

Urwego rutanga isoko rya Leta rutanga icyemezo cyo kurangiza amasezerano neza mu gihe cy'iminsi cumi n'itanu (15) uhereye ku munsi rwakiriyeho inyandiko igisaba.

Iyo urwego rutanga isoko rya Leta rufashe

**Article 71: Certificate of good completion**

After completion of the contractual obligations and final acceptance by the procuring entity, the contractor may request to the procuring entity, in writing, the certificate of good performance.

If the subcontractor is the one who requests for the certificate of good completion, the request is submitted by the main contractor.

The procuring entity issuing a certificate of good completion specifies its names and address, identification of the contractor accordingly, the title, reference number and value of the tender, as well as the dates of signature and completion of the contract.

The procuring entity issues the certificate of good completion within fifteen (15) days from the date it received the letter requesting the certificate of good completion.

If the procuring entity decides not to issue the certificate of good completion it notifies the

**Article 71: Certificat de bonne exécution**

Après l'exécution satisfaisante de ses obligations contractuelles et la réception définitive par l'entité de passation de marchés publics, le contractant peut demander par écrit à l'entité de passation de marchés publics, un certificat de bonne exécution.

Si c'est le sous-traitant qui veut un certificat de bonne exécution, la demande est faite à l'entité de passation de marchés publics par le contractant.

L'entité de passation de marchés publics qui octroie le certificat de bonne exécution clarifie dans un certificat de bonne exécution son nom et son adresse, l'identification du contractant selon le cas, le titre, le numéro de référence et la valeur du marché ou d'une partie du marché, ainsi que la date de signature et d'exécution finale du contrat.

L'entité de passation de marchés publics octroie un certificat de bonne exécution endéans quinze (15) jours à partir de la date de la réception de la lettre demandant ce certificat de bonne exécution.

Si l'entité de passation de marchés publics décide de ne pas octroyer un certificat de

icyemezo cyo kudatanga icyemezo cyo kurangiza amasezerano neza, rugaragariza uwagisabye impamvu rutamuhaye icyo cyemezo mu gihe cy'iminsi cumi n'itanu (15) uhereye ku munsi rwakiriyeho inyandiko igisaba.

**<u>Ingingo ya 72</u>: Urutonde rw'inyandiko zibikwa n'igihe zimara zibitse**

Ikoranabuhanga mu masoko ya Leta ribika inyandiko zijyanye n'itangwa ry'amasoko n'iz'ishyirwa mu bikorwa ry'amasezerano mu gihe cy'imyaka makumyabiri (20) kandi zikagaragarira igihe cyose, uwo ari we wese ubifitiye uburenganzira.

Inyandiko zivugwa mu gika cya mbere cy'iyi ngingo ni izi zikurikira:

1º itangazo rihamagara abapiganwa;

2º igitabo cy'ipiganwa;

3º inyandiko z'ipiganwa;

4º inyandikomvugo y'ifungurwa ry'inyandiko z'ipiganwa n'iy'isesengurwa ryazo;

5º inyandiko imenyekanisha uwatsindiye isoko;

applicant the reasons not to issue that certificate within fifteen (15) days from the date it received the letter requesting the certificate of good completion.

**<u>Article 72</u>: List of documents to be archived and archive retention period**

E-procurement keeps an archive of public procurement procedures and contract management for a period of twenty (20) years and makes them available any time, to any authorised person.

Documents referred to under Paragraph One of this Article are the following:

1º tender notices;

2º tender documents;

3º bids;

4º bids opening and evaluation reports;

5º tender award notifications;

bonne exécution, elle notifie au demandeur les motifs de ne pas lui octroyer ce certificat endéans quinze (15) jours à partir de la date de la réception de la lettre demandant le certificat de bonne exécution.

**<u>Article 72</u>: Liste des documents à archiver et délai de conservation des archives**

La passation électronique de marchés publics garde les archives des documents relatifs à l'attribution du marché et à la gestion du contrat pour une période de vingt (20) ans, et les rend accessibles tout le temps, à toute personne autorisée.

Les documents visés à l'alinéa premier du présent article sont les suivants:

1º appel d'offre;

2º dossiers d'appel d'offres;

3º offres;

4º procès-verbal d'ouverture des offres et rapport d'évaluation des offres;

5º notification d'attribution du marché;

6º kopi y'amasezerano yasinywe hagati y'urwego rutanga isoko rya Leta n'uwatsindiye isoko;

7º inyandiko yose yakozwe hagati y'urwego rutanga isoko rya Leta n'uwapiganwe;

8º indi nyandiko yose itanga amakuru, amabwiriza na raporo kuri iryo soko.

Ku bijyanye no kubika inyandiko z'amasoko yatanzwe, urwego rutanga isoko rya Leta rubika neza ibintu biba byaratanzwe n'abapiganwa bagaragaza urugero rw'imiterere y'ibyo barugemurira.

**<u>Ingingo ya 73</u>: Uburenganzira n'ibisabwa mu kubona inyandiko zashyinguwe**

Inyandiko zose zerekeye amasoko yatanzwe zibitse mu ikoranabuhanga ry'amasoko ya Leta zishobora kubonwa n'umuntu wese ubishaka abisabye urwego ruzibitse hakurikijwe ibiteganyijwe n'ingingo z'itegeko rigenga amasoko ya Leta zerekeye ihame ryo kugira ibanga mu masoko ya Leta.

Urwego rutanga isoko rya Leta rubitse

6º copy of the contract concluded between the procuring entity and the successful bidder;

7º any correspondence between the procuring entity and the bidder;

8º any other useful document containing information, instructions and reports that are related to the tender.

Concerning the archives of awarded tenders, the procuring entity safely keeps samples submitted by bidders.

**<u>Article 73</u>: Rights and conditions for accessing archives**

All procurement documents archived in e-procurement may be consulted by any person who so wishes upon request to a procuring entity that keeps them in accordance with the provisions of the law governing public procurement on confidentiality.

A procuring entity that owns archives may require the person who wants to consult them

6º une copie du contrat conclu entre l'entité de passation de marchés publics et l'attributaire du marché;

7º toute correspondance entre l'entité de passation de marchés et le soumissionnaire;

8º tout autre document contenant les informations utiles, instructions et rapports relatifs au marché.

Pour l'archivage des documents relatifs aux marchés attribués, l'entité de passation de marchés publics garde bien les échantillons présentés par les soumissionnaires.

**<u>Article 73</u>: Droits et conditions d'accès aux archives**

Toutes les archives relatives aux marchés publics gardées dans la passation électronique de marchés publics peuvent être consultées par toute personne qui le désire après demande à l'entité qui en assure la garde conformément aux dispositions de la loi portant la réglementation de marchés publics relatives à la confidentialité.

Une entité de passation de marchés publics qui conserve les archives peut exiger la

inyandiko rushobora gusaba ushaka amakuru kwishyura amafaranga y'u Rwanda ijana (100 FRW) kuri buri paji, mu gihe akeneye guhabwa kopi y'inyandiko irimo amakuru akeneye.

**UMUTWE WA V: GUTANGA AMASOKO YA LETA HADAKORESHEJWE IKORANABUHANGA**

**Ingingo ya 74: Gusonerwa gukoresha ikoranabuhanga mu masoko ya Leta**

Ikoranabuhanga mu masoko ya Leta rishobora kudakoreshwa iyo:

1º agaciro k'isoko kangana cyangwa kari munsi y'amafaranga y'u Rwanda ibihumbi magana atanu (500.000 FRW);

2º Ikigo cy'Igihugu Gishinzwe Gutunganya Amasoko ya Leta gitanze uburenganzira ku nzego zitanga amasoko ya Leta cyangwa Inama y'Ubuyobozi yacyo igihaye uburenganzira bwo gutanga isoko hadakoreshejwe uburyo

to pay one hundred Rwandan francs (100 FRW) per page, if he or she wants to be given a copy of a document containing information that he or she is looking for.

**CHAPTER V: AWARDING PUBLIC TENDERS USING NON-ELECTRONIC PROCEDURES**

**Article 74: Exemption from using e-procurement**

The e-procurement may not be applied when:

1º the value of the tender does not exceed than five hundred thousand Rwandan francs (500,000 FRW);

2º Rwanda Public Procurement Authority or its Board of Directors gives to the procuring entity or to Rwanda Public Procurement Authority respectively authorisation to conduct a procurement proceeding using electronic procedures.

personne qui veut consulter les archives de payer cent francs rwandais (100 FRW) par page, si elle veut se procurer une copie d'un document contenant des informations qu'elle désire.

**CHAPITRE V: ATTRIBUTION DE MARCHÉS PUBLICS PAR VOIE NON ÉLECTRONIQUE**

**Article 74: Exonération d'utilisation du système électronique de passation de marchés publics**

Le système électronique de passation de marchés publics peut ne pas être utilisé lorsque:

1º un marché a une valeur qui ne dépasse pas cinq cent mille francs rwandais (500.000 FRW) ;

2º l'Office Rwandais de marchés publics ou son Conseil d'Administration donne aux entités de passation de marchés publics ou à l'Office Rwandais de marchés publics respectivement l'autorisation d'attribuer un marché par voie électronique.

bw'ikoranabuhanga.

**Ingingo ya 75: Itangazwa ry'isoko hadakoreshejwe ikoranabuhanga**

Iyo ari isoko ritangwa hadakoreshejwe ikoranabuhanga kandi ritangwa biciye mu ipiganwa risesuye, urwego rutanga isoko rya Leta rutegura itangazo rihamagarira ipiganwa rigaragaza ibi bikurikira:

1º izina n'umwirondoro by'urwego rutanga isoko rya Leta;

2º inomero y'isoko izakoreshwa mu itangwa ryaryo;

3º inyito y'isoko isobanura muri make inyandiko isobanura ingano y'ibikenewe n'igihe bikenerewe;

4º uko igitabo cy'ipiganwa kiboneka n'ikiguzi cyacyo;

5º ahantu n'isaha inyandiko z'ipiganwa zishyikiririzwa zikanafungurirwa;

6º kugaragaza ko abatanze inyandiko z'ipiganwa cyangwa ababahagarariye

**Article 75: Publication of a tender opportunity using non-electronic procedure**

When a tender is to be awarded using non-electronic procedure and through open competitive bidding, a procuring entity prepares a tender notice that sets out the following elements:

1º the name and address of the procuring entity;

2º the reference number of the tender that will be used in the tender award process;

3º the tender title indicating briefly the quantity, size of goods, works and services needed, including the expected time for delivery;

4º an explanation of how to obtain the tender document and its cost;

5º a place and hour of submitting and opening of bids;

6º a clause indicating that bidders or their representatives are allowed to attend the opening of bids.

**Article 75: Publication d'une offre par voie non électronique**

Lorsqu'un marché est attribué par voie non électronique et par la méthode d'appel d'offre ouvert, l'entité de passation de marchés publics prépare un avis d'appel d'offre qui présente les éléments suivants:

1º le nom et l'adresse de l'entité de passation de marchés publics;

2º le numéro de référence du marché qui sera utilisé dans le processus de passation de marchés;

3º le titre du marché indiquant brièvement la quantité et le volume des biens, des travaux et services à acquérir, y compris le temps souhaité pour l'exécution;

4º la manière d'obtenir le dossier d'appel d'offres et son coût;

5º le lieu et l'heure de remise et d'ouverture des offres;

6º une clause indiquant que les soumissionnaires ou leurs représentants sont autorisés d'assister

bemerewe kwitabira umuhango w'ifungura.

Urwego rutanga isoko rya Leta rucisha itangazo rivugwa mu gika cya mbere cy'iyi ngingo nibura mu kinyamakuru kimwe gisomwa n'abantu benshi mu gihugu kandi gifite igihe kizwi gisohokeraho no ku rubuga rwa interineti rw'urwo rwego.

**Ingingo ya 76: Igitabo cy'ipiganwa mu gihe hadakoreshejwe ikoranabuhanga**

Iyo ari isoko ritangwa hadakoreshejwe ikoranabuhanga, urwego rutanga isoko rya Leta rutegura igitabo cy'ipiganwa rushingiye ku bitabo by'icyitegererezo byerekana uburyo ipiganwa rikorwa. Igitabo cy'ipiganwa kigomba kuba gikubiyemo amakuru yose yatuma habaho ipiganwa riha abapiganwa amahirwe angana. Buri rupapuro rw'igitabo cy'ipiganwa ruterwaho kashi y'urwego rutanga isoko rya Leta.

Urwego rutanga isoko rya Leta rushobora kugurisha abapiganwa igitabo cy'ipiganwa, gikoreshwa hadakoreshejwe ikoranabuhanga ku mafaranga y'u Rwanda adashobora kurenga ibihumbi icumi (10.000 FRW).

Igitabo cy'ipiganwa gikoreshwa

The procuring entity advertises the tender notice referred to under Paragraph One of this Article in at least one newspaper of nation-wide circulation with a determined edition period and on an official website of the entity.

**Article 76: Tender document when using non-electronic procedure**

When a tender is to be awarded using non-electronic procedure, a procuring entity prepares a tender document basing on standard tender documents. A tender document contains enough information to allow a fair competition among bidders. Each page of a tender document bears the procuring entity's stamp.

A procuring entity may charge a fee for a tender document for tender to be awarded using non-electronic procedures that cannot exceed ten thousand Rwandan francs (10,000 FRW).

A tender document for tender to be awarded using non-electronic procedures may be

à la séance d'ouverture des offres.

L'entité de passation de marchés publics publie l'avis d'appel d'offres mentionné à l'alinéa premier du présent article au moins dans un journal de grande diffusion au niveau national dont la périodicité est connue et sur le site-web de l'entité.

**Article 76: Dossier d'appel d'offre lorsqu'on n'utilise la voie non électronique**

Une entité de passation de marchés publics qui utilise la voie non électronique prépare un dossier d'appel d'offre conformément aux dossiers types d'appel d'offre. Un dossier d'appel d'offre contient des renseignements suffisants pour une concurrence équitable aux soumissionnaires. Chaque page du dossier est marquée du cachet de l'entité de passation de marchés publics.

L'entité de passation de marchés publics peut exiger à tout soumissionnaire ayant besoin du dossier d'appel d'offre à attribuer au moyen de procédures non électroniques, le payement des frais qui ne peuvent pas dépasser dix mille francs rwandais (10.000 FRW).

Le dossier d'appel d'offres utilisé dans l'attribution de marchés publics par voie non

hadakoreshejwe ikoranabuhanga gishobora gusomwa ku buntu na buri wese ubishatse, agisanze ku biro by'urwego rutanga isoko rya Leta.

**Ingingo ya 77: Itangwa n'iyakirwa ry'inyandiko z'ipiganwa hadakoreshejwe ikoranabuhanga**

Iyo ari isoko ritangwa hadakoreshejwe ikoranabuhanga, inyandiko y'ipiganwa iba iriho umukono kandi iri mu ibahasha ifunze neza.

Ibahasha inyandiko y'ipiganwa ifunzemo iba ifite inomero y'isoko ryatanzwe n'urwego rutanga isoko rya Leta.

Inyandiko y'ipiganwa itangwa mbere y'igihe ntarengwa cyagenwe kandi inyandiko y'ipiganwa yose ije nyuma y'icyo gihe ntiyakirwa.

Urwego rutanga isoko rya Leta rukora ku buryo ahatangirwa inyandiko z'ipiganwa haba hafunguye, hagaragarira buri wese kandi hafite umutekano ku buryo habikwa inyandiko z'ipiganwa zakiriwe.

**Ingingo ya 78: Ihindurwa ry'inyandiko z'ipiganwa**

consulted from the procuring entity's office by any person who so wishes without being charged any fee.

**Article 77: Submission and reception of bids when not using e-procurement**

When a tender is to be awarded using non-electronic procedures, the bid is duly signed and well-sealed in an envelope.

The envelope containing the tender bears the tender number assigned to the procurement proceedings by the procuring entity.

A tender is submitted before the deadline for submitting tenders and any tender brought after that deadline is not received.

The procuring entity ensures that the place where tenders are submitted is open, accessible and secure for safekeeping of received bids.

**Article 78: Change of bids**

When a tender is to be awarded using non-

électronique peut être consulté gratuitement au bureau de l'entité par toute personne qui le désire.

**Article 77: Soumission et réception des offres par voie non électronique**

Lorsqu'un marché est attribué par voie non électronique, l'offre est signée et remise sous pli fermé.

L'enveloppe contenant l'offre porte le numéro de référence du marché attribué par l'entité de passation de marchés publics.

L'offre est déposée avant la date limite de remise des offres et toute offre présentée après la date limite n'est pas reçue.

L'entité de passation de marchés publics s'assure que le lieu de dépôt des offres est ouvert, accessible et sécurisé pour y garder des offres reçues.

**Article 78: Modification des offres**

Lorsqu'un marché est attribué par voie non

Iyo ari isoko ritangwa hadakoreshejwe ikoranabuhanga, mbere y'isaha ntarengwa yo gutanga inyandiko z'ipiganwa, upiganwa yemerewe guhindura cyangwa gusubizwa inyandiko y'ipiganwa iyo abisabye mu nyandiko kandi hakurikijwe amabwiriza y'itangwa ry'inyandiko z'ipiganwa.

Nyuma y'igihe ntarengwa cyo gutanga inyandiko z'ipiganwa, uwatanze inyandiko y'ipiganwa ntiyemerewe kuyihindura.

**Ingingo ya 79: Gufungura inyandiko z'ipiganwa**

Iyo ari isoko ritangwa hadakoreshejwe ikoranabuhanga, akanama gashinzwe gutanga amasoko ya Leta gafungura mu ruhame inyandiko z'ipiganwa mu gihe kitarenze isaha imwe (1) nyuma y'igihe ntarengwa cyo kuzakira.

Abatanze inyandiko zabo z'ipiganwa cyangwa ababahagarariye bashobora kwitabira umuhango w'ifungura. Kuri buri nyandiko y'ipiganwa ifunguwe, ibi bikurikira bisomwa mu ijwi riranguruye kandi bigashyirwa mu nyandikomvugo y'ifungura:

1º amazina ya nyir'inyandiko y'ipiganwa n'ibindi bimuranga by'umwihariko;

electronic procedures, before the deadline for submitting bids, a bidder may change or withdraw upon a written request thereof in accordance with the procedures for submitting tenders.

After the deadline for submitting bid, the bidder cannot be allowed to change it.

**Article 79: Opening of bids**

When a tender is to be awarded using non-electronic procedures, the public tender committee opens bids in a public session not later than one (1) hour after the deadline for submission of bids.

Bidders or their representatives may attend the opening session. On each opened bid the following are read out loudly and recorded in the minutes reserved for the opening session:

1º names of the bidder and other details of his or her identification;

électronique, avant la date limite de dépôt des offres, le soumissionnaire peut modifier ou retirer son offre sur demande écrite et conformément aux procédures de dépôt des offres.

Après la date limite de dépôt des offres, un soumissionnaire ne peut plus être autorisé à modifier son offre.

**Article 79: Ouverture des offres**

Lorsqu'un marché est attribué par voie non électronique, le comité de passation de marchés publics procède à l'ouverture des offres en séance publique endéans une (1) heure après l'heure limite de dépôt.

Les soumissionnaires ou leurs représentants peuvent assister à la séance d'ouverture des offres. Pour chaque offre ouverte, les informations suivantes sont lues à haute voix et consignées dans le procès-verbal d'ouverture des offres:

1º les noms du soumissionnaire et d'autres informations particulières de son identité;

2º umubare w'igiciro cy'isoko harimo n'igabanyirizwa iyo rihari;

3º ingwate y'ipiganwa yatanzwe, niba isabwa;

Mbere yo gufungura inyandiko z'ipiganwa, uwatanze inyandiko y'ipiganwa cyangwa umuhagarariye ashobora gusaba akanama gashinzwe gutanga isoko gusoma ikindi kintu cyose abona ko ari ngombwa gusomwa kandi kitabangamira inyungu z'abandi bantu bapiganwe.

Buri muntu mu bagize akanama gashinzwe gutanga amasoko ya Leta wari mu ifungura ry'inyandiko z'ipiganwa, n'uwatowe n'abahagarariye ba rwiyemezemarimo mu ifungura, bashyira umukono uhinnye kuri buri rupapuro rw'inyandiko y'ipiganwa y'umwimerere. Ariko uwatowe n'abitabiriye ifungura ntashobora gushyira umukono uhinnye ku nyandiko y'ipiganwa ahagarariye. Icyo gihe, iyo nyandiko isinywaho n'undi witabiriye ifungura. Abagize akanama gashinzwe gutanga amasoko ya Leta bitabiriye ifungura ry'inyandiko z'ipiganwa bashyira kandi umukono ku nyandikomvugo y'ifungura.

2º the bid price including the discounts, if any;

3º a bid security if it is required;

Before the opening of bids, a bidder or his or her representative may request the public tender committee to read out any other information that the bidders may wish to be read out but which does not prejudice other bidders' interests.

Each member of the public tender committee who participates in the opening session and the bidder elected by fellow bidders participating in that session initial on each page of original bid. However, the elected bidder cannot make an initial on his or her own bid. In such case, this bid is initialled by other bidder participating in the opening session. Members of the public tender committee who participate in the opening session also sign on opening report.

2º le montant de la soumission y compris le rabais de prix, le cas échéant;

3º la garantie de soumission donnée si elle est exigée;

Avant l'ouverture des offres, un soumissionnaire ou son représentant peut demander au comité de passation de marchés publics de lire à haute voix toute autre information jugée nécessaire par les soumissionnaires à être lue et qui ne compromet pas les intérêts d'autres soumissionnaires.

Chaque membre du comité de passation de marchés publics qui participent dans la session d'ouverture et la personne élue par les participants à cette session paraphent sur chaque page de l'offre originale. Mais le soumissionnaire élue ne peut pas mettre son paraphe sur sa propre offre. Dans ce cas, cette offre est paraphée par un autre participant à la session d'ouverture. Les membres du comité de passation de marchés publics signent également sur le rapport d'ouverture.

**Ingingo ya 80: Gusesengura inyandiko z'ipiganwa**

Mu gihe cyo gutanga isoko hadakoreshejwe ikoranabuhanga, isesengura ry'inyandiko z'ipiganwa rikorwa hakurikijwe ibiteganywa n'iri teka, uretse gusa kuba rikorwa hadakoreshejwe uburyo bw'ikoranabuhanga mu masoko ya Leta.

**Ingingo ya 81: Kumenyesha itangwa ry'isoko mu nyandiko**

Uwatsindiye isoko n'abatsinzwe bamenyeshwa by'agateganyo ibyavuye isesengura ry'inyandiko z'ipiganwa. Abatahawe isoko bagaragarizwa neza impamvu zatumye badahabwa isoko muri iyo nyandiko.

Nyuma y'imenyekanisha ry'ibyavuye mu isesengura n'iminsi irindwi (7) yahawe abapiganwe kugira ngo bajuririre umwanzuro, niba bahari, uwatsindiye isoko atumirwa kuza gusinya amasezerano ndetse n'abandi batatsinze bakagenerwa kopi.

Mu minsi itatu (3) amasezerano akimara gusinywa, urwego rutanga isoko rya Leta rumenyesha abandi bapiganwaga ko

**Article 80: Evaluation of bids**

When a procurement proceeding is conducted using non-electronic procedures, the evaluation of bids is carried out in accordance with the provisions of this Order except the fact that it is done outside e-procurement.

**Article 81: Notification of tender award in writing**

The successful and unsuccessful bidders are notified of the provisional outcome of the bids evaluation upon a written notice. The unsuccessful bidders are clearly informed of the reasons of their disqualification through the written notice.

After notification and the expiration of seven (7) days given to bidders to lodge a complaint, if any, an invitation to sign the contract is sent to the successful bidder with copy to unsuccessful bidders.

Upon signature of a procurement contract, the procuring entity, within three (3) days, notifies other bidders that their bids were not successful.

**Article 80: Évaluation des offres**

Lors de l'attribution d'un marché par voie non électronique, l'évaluation des offres se fait conformément aux dispositions du présent arrêté, sauf qu'elle est faite en dehors de la passation de marchés électronique.

**Article 81: Notification d'attribution du marché par écrit**

L'attributaire du marché et les soumissionnaires non-retenus sont notifiés des résultats provisoires de l'évaluation des offres à travers la notification écrite. Les soumissionnaires non-retenus sont clairement informés des raisons qui ont conduit à leur disqualification dans ladite notification.

Après la notification d'attribution du marché et à l'expiration de sept (7) jours de recours éventuels des soumissionnaires, une invitation pour la signature du contrat est adressée à l'attributaire du marché, avec copie aux soumissionnaires non retenus.

Dès la signature du contrat de marché, l'entité de passation de marchés publics, endéans trois jours, informe les autres soumissionnaires que leurs offres n'ont pas été retenues.

inyandiko zabo z'ipiganwa zitatsinze.

**<u>Ingingo ya 82</u>: Itangazwa ry'ibyavuye mu ipiganwa**

Urwego rutanga isoko rya Leta rutangaza ibyavuye mu ipiganwa amasezerano akimara gushyirwaho umukono n'impande zombi. Rutangaza nibura ibi bikurikira:

1º uwatsindiye isoko;

2º igiciro uwatsindiye isoko yaritsindiyeho;

3º igihe amasezerano azamara.

Urwego rutanga isoko rya Leta rushobora no gutangaza ibyavuye mu ipiganwa ku rubuga rwa interineti rwarwo.

**<u>Ingingo ya 83</u>: Raporo ku ishyirwa mu bikorwa ry'igenamigambi ry'amasoko ya Leta ku masoko yatanzwe hadakoreshejwe ikoranabuhanga**

Buri Rwego rutanga isoko rya Leta ruha Ikigo cy'Igihugu Gishinzwe Gutunganya Amasoko raporo ya buri kwezi igaragaza uburyo igenamigambi ry'amasoko rishyirwa mu bikorwa-ku masoko yatanzwe hadakoreshejwe ikoranabuhanga.

**<u>Article 82</u>: Publication of the results**

The procuring entity publishes the results of the bids soon as the contract is signed by both parties. The results published include at least the following:

1º the successful bidder;

2º the amount of the tender;

3º the duration of the contract.

The procuring entity may also post the results of the bids on its official website.

**<u>Article 83</u>: Report on implementation of the procurement plan, for tenders awarded using non-electronic procedure**

